## Ibirego byoroheje

Imanza z'ibirego byoroheje zifite amategeko yihariye yerekeranye no kumenyesha itangwa ry'ikirego ku ruhande ruregwa. Reba agatabo kavuga ku birego byoroheje kugira ngo umenye ayo mategeko.

## Imenyesha ry'itangwa ry'ikirego ku bana bato, ibigo by'ubucuruzi, Ibigo bifatanyije ubucuruzi, imijyi minini, imijyi mito n'uturere

Hari amategeko yihariye ku imenyesha ry'itangwa ry'ikirego kuri ubu bwoko bw'ababuranyi. Ingingo ya 4 y'Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza mbonezamubano muri Leta ya Maine risobanura ayo mategeko.

## Ibiro by'umupolisi w'urukiko

AKARERE KA ANDROSCOGGIN
2 Turner Street, Auburn, ME 04210
(207) 753-2500

AKARERE KA AROOSTOOK
25 School Street, Suite 216, Houlton, ME 04730
(207) 532-3471

AKARERE KA CUMBERLAND
36 County Way, Portland, ME 04102
(207) 774-1444

AKARERE KA FRANKLIN
123 County Way, Farmington, ME 04938
(207) 778-2680

AKARERE KA HANCOCK
50 State Street, Suite 10, Ellsworth, ME 04605
(207) 667-7575

AKARERE KA KENNEBEC
73 Winthrop Street, Augusta, ME 04330
(207) 623-3614

AKARERE KA KNOX
301 Park Street, Rockland, ME 04841-5302
(207) 594-0429

## Ibiro by'umupolisi w'urukiko (Ibikomeza)

AKARERE KA LINCOLN
42 Bath Road, Agasanduku k'iposita 611, Wiscasset, ME 04578 | (207) 882-7332

AKARERE KA OXFORD
26 Western Avenue, Agasanduku k'iposita 179, South Paris, ME 04281 | (207) 743-9554

AKARERE KA PENOBSCOT
85 Hammond Street, Agasanduku k'iposita 943, Bangor, ME 04402 | (207) 947-4585

AKARERE KA PISCATAQUIS
52 Court Street, Dover-Foxcroft, ME 04426
(207) 564-3304

AKARERE KA SAGADAHOC
752 High Street, Agasanduku k'iposita 246, Bath, ME 04530 (207) 443-8528

AKARERE KA SOMERSET
131 E. Madison Road, Madison, ME 04950
(207) 474-9591

AKARERE KA WALDO
6 Public Safety Way, Belfast, ME 04915
(207) 338-6786

AKARERE KA WASHINGTON
83 Court Street, Machias, ME 04654
(207) 255-4422

AKARERE KA YORK
1 Layman Way, Alfred, ME 04002
(207) 324-1113

Ku bindi bisobanuro bijyanye n'itangwa ry'impapuro z'inkiko, mwasura urubuga rwa www.courts.maine.gov.

# Kumenyesha urundi ruhande: Uko watanga impapuro z'urukiko



STATE OF MAINE JUDICIAL BRANCH

www.courts.maine.gov

# Kumenyesha itangwa ry'ikirego bisobanuye iki?

Iyo utangije ikirego cyangwa urubanza rw'umuryango mu rukiko, ugomba kumenyesha urundi ruhande ko ugiye gutanga ikirego mu rukiko. Hari uburyo butandukanye bwo kubikora, bushingiye ku muntu uregwa uwo ari we cyangwa se uruhande ruregwa urwo ari rwo. Kugeza impapuro z'urukiko ku rundi ruhande kugira ngo umenye neza ko ruzi ko hatanzwe ikirego byitwa "Kumenyesha itangwa ry'ikirego" Tugiye gusobanura uburyo bikorwamo.

Nyuma yo kumenyesha uruhande ruregwa ko watanze ikirego mu rukiko, ugomba gushyikiriza urukiko "igihamya cy'uko wamenyesheje uruhande ruregwa" (urupapuro rugaragaza ko uruhande ruregwa rwakiriye inyandiko igaragaza itangwa ry'ikirego). Urukiko ntiruzagena igihe cy'iburanisha mu gihe utaratanga igihamya cy'uko wamenyesheje uruhande ruregwa ko watanze ikirego.

## 1. Kumenyesha itangwa ry'ikirego mu ntoki cyangwa se binyuze mu iposita

### Gutanga impapuro z'inkiko akenshi bikorwa muri bumwe muri ubu buryo butatu:

1. Kuzitanga mu ntoki cyangwa se kuzinyuza mu iposita,
2. Itangwa ry’impapuro z'inkiko binyuze mu biro byemewe by'iposita rigarukira ku manza z’imiryango, ibirego byoroheje, n’imanza mbonezamubano zimwe na zimwe zirebana n’umutungo nk’uko bisobanurwa hasi, cyangwa
3. Itangwa ry'impapuro z'inkiko bikozwe n'umupolisi wo ku rukiko.

- Shyikiriza impapuro z'urukiko uruhande ruregwa mu ntoki, hamwe n' ifishi "igaragaza ko uruhande ruregwa rwakiriye ihamagazwa n'ikirego" (CV-FM-036), umaze kubishyiraho umukono. Saba uruhande ruregwa gushyira umukono kuri iyo fishi igaragaza ko rwamenyeshejwe iby'ikirego.

-CYANGWA SE-

- Usabe kopi ebyiri z' ifishi "igaragaza ko uruhande ruregwa rwakiriye inyandiko z'urukiko rukanamenyeshwa iby'ikirego" (CV-FM-036) maze zombi uzishyireho umukono. Sigarana kopi imwe yawe. Iyindi kopi yoherereze urundi ruhande iri kumwe na kopi y'impapuro z'urukiko. Andika ibaruwa uyoherezanye n'izo mpapuro usaba urundi ruhande ruregwa gusinya ifishi "igaragaza ko rwakiriye inyandiko z'urukiko" ndetse urusabe kuyigusubiza rukimara kuyisinya. Ni igitekerezo cyiza gushyiramo ibahasha iriho tembure igaragaza aderesi yawe cyangwa se aho uherereye kugira ngo byorohere urundi ruhande kuyikohererereza rukimara kuyisinya.

Mu gihe wakiriye ifishi "igaragaza ko uruhande ruregwa rwakiriye inyandiko z'urukiko" mu minsi 20 nyuma y'uko uzohereje, ugomba guhita ushyikiriza urukiko iyo fishi nka "gihamya cy'uko wamenyesheje uruhande ruregwa ko watanze ikirego". Sigarana kopi imwe yawe. Mu gihe utakiriye ifishi "igaragaza ko uruhande ruregwa rwakiriye inyandiko z'urukiko" mu minsi 20, ugomba kohereza inyandiko z'urukiko ukoresheje ubundi buryo bwemewe bigendanye n'ikirego cyawe.

## 2. Kumenyesha itangwa ry'ikirego binyuze mu iposita cyangwa se uburyo bwihariye

Ushobora gutanga mu buryo bwihariye impapuro z’inkiko ku rundi ruhande binyuze ku biro byemewe by'iposita mu manza z'imiryango (nk'urugero mu manza z'ubutane bwa burundu, imanza zirebana n'uburenganzira n'inshingano z'ababyeyi), ibirego byoroheje, ndetse no mu manza mbonezamubano zimwe na zimwe zirebana n’umutungo igihe umuntu uregwa ari hanze y’igihugu. Niba utazi neza ko kumenyesha itangwa ry'ikirego mu buryo bwihariye binyuze ku biro byemewe by'iposita byemewe ku kirego cyawe, vugana n'umunyamategeko.

Ohererezа uruhande ruregwa inyandiko z'urukiko mu buryo bwihariye binyuze ku biro byemewe by'iposita. Fata inyandiko ugomba kohereza ku biro by'iposita hanyuma usabe umukozi w'iposita kuzohereza mu ibahasha iriho cashe y'iposita kandi mu buryo bwihariye. Ugomba kwibuka gusaba guhabwa icyemeza ko wohereje izo nyandiko ku iposita kandi mu buryo bwihariye. Ubu buryo burahenda kuko hari ibindi bikorwa byiyongeraho.

Nyuma yo kohereza mu buryo bwihariye impapuro z'urukiko binyuze mu biro byemewe by'iposita, uzahabwa ikarita y'icyatsi itangwa n'ibiro by'iposita iriho umukono w'urundi ruhande, yerekana ko uru ruhande rwakiriye izo mpapuro.

Iyo karita y'icyatsi wahawe n'ibiro by'iposita yishyikirize urukiko nk'igihamya cy'uko wamenyesheje uruhande ruregwa ko watanze ikirego. Sigarana kopi imwe yawe.

## 3. Kumenyesha itangwa ry'ikirego bikozwe n'umupolisi w'urukiko

Kugira ngo umenyeshe uruhande ruregwa binyuze ku mupolisi w'urukiko, ugomba kubanza gusaba ifishi y'ihamagarwa mu biro by'umwanditsi w'urukiko. Iyi fishi uyishyura udufaranga duke. Yuzuze hanyuma uyishyire hamwe n'izindi mpapuro zawe.

Ohereza ku iposita cyangwa se ufate kopi 2 z'impapuro z'urukiko ugomba gutanga ku biro by'umupolisi wo ku rukiko aho uruhande ruregwa ruzazakirira. Saba umupolisi w'urukiko kugeza izo nyandiko ku ruhande ruregwa. Kopi imwe izahabwa urundi ruhande. Iyindi kopi nawe uzayohererezwa iriho umukono w'umupolisi w'urukiko. Uzasabwa kwishyura umupolisi w'urukiko kugira ngo agutangire impapuro z'urukiko. Ubu buryo ni bwo akenshi bwizewe kuko butuma wizera ko urundi ruhande rwagejejweho inyandiko.

Uzasabwa guha umupolisi w'urukiko aderesi yuzuye y'aho uregwa atuye. Niba utekereza ko bizagorana kugera aho uregwa atuye, uzasabwa guha umupolisi w'urukiko aderesi y'aho uregwa akorera cyangwa se indi aderesi umupolisi w'urukiko yamubonaho.

Umupolisi ushinzwe gutanga impapuro z’urukiko ku ruhande rw'uregwa azuzuza ifishi y'Ihamagazwa yari igize impapuro zose z’urukiko wahaye umupolisi w'urukiko kandi uwo mupolisi azongera ayikohererereze binyuze mu iposita.

Shyikiriza urukiko ifishi y'ihamagazwa yasinywe n'umupolisi w'urukiko nk' "igihamya cy'uko wamenyesheje uruhande ruregwa ko watanze ikirego". Kora kopi ugomba gusigarana.